

RWANDA / JUDGMENT

UBUSHINJACYAHA v. NDWANIYE

RPAA 01352/2024/CA

COURT

Court of Appeal

DECIDED

29 September 2025

CASE / FILE NUMBER

RPAA 01352/2024/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

UBUSHINJACYAHA v. NDWANIYE

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-09-29
- Case/document no.: RPAA 01352/2024/CA
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA v. NDWANIYE [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPAA 01352/2024/CA (Nyirandabaruta, P.J.) 29 Nzeri 2025] Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha – Ubujuje – Inshingano y'uwajuriye – Uwajuriye afite inshingano yo kugaragaza ukwibeshya kwakozwe n'Urukiko rubanza gushingiye ku mategeko cyangwa ku byabaye kwatumye urubanza rujuriyirwa rucibwa nabi cyangwa kwatuma ruta agaciro. Iyo atabikoze ubwo bujuje burakirwa, urukiko rukemeza ko nta shingiro bufite. Incamake y'ikibazo: Ndwaniye yakurikiranyweho n'Ubushinjacyaha icyaha cyo gusambanya umwana, bumuregera Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi busaba ko ahanishwa igifungo cya burundu. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko Ndwaniye ahamwe n'icyaha, rumuhanisha igifungo cy'imyaka 15. Ndwaniye yajuririye icyo cyemezo mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi avuga ko Urukiko rubanza rwamuhanishije igifungo cy'imyaka 15 rwirengagije ko atemera icyaha ahubwo rugashingira kuri raporo ya muganga kandi itagaragaza ko ari we wasambanyije uwo mwana no ku mvugo z'abatangabuhamyi kandi byaraturutse ku kagambane yagiriwe na se w'umwana kuko bari basanzwe bafitanye amakimbirane. Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi rwaciye urubanza rwemeza uregwa atagabanyirizwa igihano cy'imyaka cumi n'itanu (15) yari yahawe

n'Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi kuko yagabanyirijwe bihagije. Ndwaniye yajuririye mu Rukiko rw'Ubujurire avuga ko ko atigeze akora icyaha cyo gusambanya umwana, ko ari akagambane yakorewe mu Bugenzacyaha igihe yari abasabye ko bamukorera ADN kugira ngo hamenyekane niba ari we wasambanyije uwo mwana. Avuga kandi ko hari amakimbirane afitanye na se w'umwana kandi ko hari n'abatangabuhamya babyemeza asaba ko bazakorwaho iperereza. Ubushinjacyaha ku rundi ruhande buvuga ko nta bimenyetso agaragaza bivuguruzwa ibyashyingiweho n'Urukiko mu kumuhamya icyaha akurikiranweho cyo gusambanya umwana, bityo ko Urukiko rwakwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite, hagumye igihano cy'igifungo cy'imyaka 15 yahawe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi. Incamake y'icyemezo: Uwajuriye afite inshingano yo kugaragaza ukwibeshya kwakozwe n'Urukiko rubanza gushingiye ku mategeko cyangwa ku byabaye kwatumye urubanza rujuririrwa rucibwa nabi cyangwa kwatuma ruta agaciro. Iyo atabikoze ubwo bujurire burakirwa, urukiko rukemeza ko nta shingiro bufite. Ubujurire nta shingiro bufite. Nta mategeko yashyingiweho

Page 2

Imanza zifashishijwe: RPAA 00345/2023/CA CMB RPAA 00382/2023/CA, haburana Ubushinnjacyaha na Nzayisenga Théogène n'undi Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Ubushinjacyaha buvuga ko mu kwezi kwa 04/2021 mu Karere ka Karongi, Umurenge wa Bwishyura, Akagari ka Burunga, Umudugudu wa Nyamarebe, Ndwaniye Damascène yabonye umwana w'umukobwa witwa N. B icyo gihe wari ufite imyaka umunani (8) y'amavuko yinjiye mu cyumba agiye kurebamo umweyo ngo akubure kuko ababyeyi be batari bahari, afata uwo mwana amuhagarika ku buriri ashinga igitsina cye mu gitsina cy'umwana anashingamo intoki, amubuza kubivuga, nyuma aza gufatwa atangira gukurikiranwa. Ubushinjacyaha bumaze gukora iperereza bwamureze icyaha cyo gusambanya umwana mu Rukiko Rwisumbuye rwa Karongi, bumusabira igihano cy'igifungo cya burundu. [2] Ndwaniye Damascène yaburanye ahakana icyaha asaba kugirwa umwere. [3] Mu rubanza RP 00281/2021/TGI/KNG rwaciye n'urwo Rukiko ku wa 21/05/2024, rwemeje ko Ndwaniye Damascène ahamwe n'icyaha aregwa rushingiye ku bimenyetso byatanze n'Ubushinjacyaha birimo imvugo z'abatangabuhamya bamushinja, imvugo y'umwana wahohotewe umushinja na raporo ya muganga yakorewe uwo mwana, rumuhanisha igifungo cy'imyaka cumi n'itanu (15). [4] Ndwaniye Damascène yajuririye imikirize y'urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi, avuga ko Urukiko rubanza rwamuhanishije igifungo cy'imyaka 15 rwirengagije ko atemera icyaha ahubwo rugashingira kuri raporo ya muganga kandi itagaragaza ko ari we wasambanyije uwo mwana no ku mvugo z'abatangabuhamya kandi byaraturutse ku kagambane yagiriye na se w'umwana kuko bari basanzwe bafitanye amakimbirane. [5] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko kuba Ndwaniye Damascène atemera icyaha ubwabyo bidahagije kumugira umwere kuko yacyemeye mu Bugenzacyaha kandi kuba yaremeye icyaha mu Bugenzacyaha yagera mu Rukiko akagihakana bitabuza ko Umucamanza ashingira ku kwemera kwe. Asaba Urukiko kwemeza ko urubanza rujuririrwa rudahindutse. [6] Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi rwaciye urubanza RPA 00095/2024/HC/RSZ ku wa 28/11/2024, rusanga kuba Ndwaniye Damascène yaremeye icyaha mu Bugenzacyaha avuga ko yashyize intoki mu gitsina cy'umwana, yagera mu Rukiko Rwisumbuye

rwa Karongi akaburana agihakana bidakuraho ko Urukiko rwashingira ku mvugo ye y'aho yemeye icyaha mu nzego z'iperereza, nk'uko byatanzweho umurongo mu rubanza RPAA 00501/2023/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 30/05/2024 haburana Ubushinjacyaha na Mbahizimana Fabrice. [7] Rwashingiye kandi ku rubanza RPAA 00144/2023/CA, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 24/05/2024 rw'Ubushinjacyaha na Sibobugingo Emmanuel, aho Urukiko rw'Ubujurire rwemeje ko uregwa atongera kugabanyirizwa ibihano, iyo mu bujurire Urukiko rusanga

Page 3

yarabigabanyirijwe bihagije, harebwe uburemere bw'icyaha n'uburyo icyaha cyakozwemo. Rwasanze Ndwaniye Damascène atagabanyirizwa igihano cy'imyaka cumi n'itanu (15) yari yahawe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi kuko yagabanyirijwe bihagije. [8] Ndwaniye Damascène yajuririyeye imikirize y'urwo rubanza mu Rukiko rw'Ubujurire, urubanza rwe ruhabwa RPAA 1352/2024/CA, ruburanishwa mu ruhame ku wa 04/09/2025 Ndwaniye Damascène yunganiwe na Me Ruberwa Ngarukiye Silas, naho Ubushinjacyaha buhagarariye na Ntawangundi Béatrice, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. [9] Mu myanzuro y'ubujurire bwe yo ku wa 01/12/2024, Ndwaniye Damascène yajuririyeye avuga ko atigeze akora icyaha cyo gusambanya umwana witwa NT. B, ko ari akagambane yakorewe mu Bugenzacyaha igihe yari abasabye ko bamukorerwa ADN kugira ngo hamenyekane niba ari we wasambanyije uwo mwana. Avuga kandi ko hari amakimbirane afitanye na se w'umwana kandi ko hari n'abatangabuhamya babyemeza asaba ko bazakorwaho iperereza. [10] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko Ndwaniye Damascène nta bimenyetso agaragaza bivuguruzwa ibyashyingiweho n'Urukiko mu kumuhamya icyaha akurikiranweho cyo gusambanya umwana, bityo ko Urukiko rwakwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite, hagumye igihano cy'igifungo cy'imyaka 15 yahawe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi. [11] Urukiko ruherereye kuri izo mpaka rurasanga ikibazo kigomba gusuzumwa ari icyo kumenya niba Urukiko Rukuru rwarahajije Ndwaniye Damascène icyaha cyo gusambanya umwana nta bimenyetso bidashidikanywaho rushingiyeho bikimuhamya. II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA Kumenya niba Urukiko Rukuru rwarahajije Ndwaniye Damascène icyaha cyo gusambanya umwana nta bimenyetso bidashidikanywaho rushingiyeho bikimuhamya. [12] Ndwaniye Damascène n'umwunganizi we bavugaga myanzuro no mu miburanire yabo ko nta cyaha yakoze ahubwo ari amakimbirane afitanye na se w'umwana aregwa gusambanya (ari we Uwimana), ashingiyeye ku mafaranga ibihumbi 30 yari amurimo ubwo yari umukozi we amurobera amafi akaba ataramwishyuye; ko yasabye ko yakorerwa ADN kugira ngo hagaragare niba koko ari we wasambanyije uriya mwana ntikorwe, asaba Urukiko rw'Ubujurire gutegeka ko ikorwa kuko yabisabye mu Bugenzacyaha ariko ntirwabiha agaciro. Akomeza avuga ko hari n'abatangabuhamya barimo Uwamahoro Florence, Nishimwe Chantal na Mwerekende François bazi iby'ayo makimbirane, asaba uru Rukiko ko rwazabakoraho iperereza, ko yabisabye mu rubanza rujuririrwa Urukiko rukabyirengagiza. [13] Bavugaga kandi ko mu kumuhamya icyaha cyo gusambanya umwana, inkiko zibanza zashingiye ku mvugo ye yemereye mu Bugenzacyaha ko yashyize intoki mu gitsina cy'umwana, ariko ko ibyo yabitewe n'uko se w'umwana yari yaramubwiye ko azamugirira nabi kandi ko mu gihe yabazwaga mu

Bugenzacyaha se w'umwana yari imbere ye afite umuhoro bituma agira ubwoba yemera ibyo atakoze. Bavuga kandi ko ubuhamya bwa Uwimana Urukiko rwashingiyeho butagombaga guhabwa agaciro kuko Ndwaniye Damascène yari yarugaragarije ko basanzwe bafitanye amakimbirane, naho ubuhamya bwa Uzabakiriho Bosco uvuga ko yabyumvanye abantu, ariko akaba atagaragaza abo bantu abo aribo. Basaba ko Ndwaniye Damascène agirwa umwere.

Page 4

[14] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko nta kimenyetso Ndwaniye Damascène agaragaza cyerekana ko afitanye amakimbirane na Uwimana akomoka ku mafaranga yakoreye mu gihe yari umukozi we umurobera isambaza, naho ibyo avuga ko yemeye icyaha mu Bugenzacyaha kubera ko yatewe ubwoba, nabyo nta bimenyetso abitangira, mu gihe raporo ya muganga igaragaza ko igitsina cy'umwana cyari cyasadutse inyuma ahagana mu kibuno yakomeretse biturutse ku gusambanywa. Naho ibyo avuga ko atapimwe ADN, ko atari cyo kimenyetso cyonyine mu gihe hari ibindi bimenyetso bidashidikanywaho bigaragaza nta shiti ko yakoze icyaha. [15] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga kandi Ndwaniye Damascène abazwa mu Bushinjacyaha yavuze ko ntacyo apfa n'umwana wasambanyijwe ndetse n'umubyeyi we Uwimana, bityo ko nta kuntu ubuhamya bwabo butari gushingirwaho. Asaba ko hagumaho igihano cy'imyaka 15 yahawe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi. UKO URUKIKO RUBIBONA [16] Mu rubanza RPAA 00345/2023/CA CMB RPAA 00382/2023/CA, haburana Ubushinnjacyaha na Nzayisenga Théogène n'undi, uru Rukiko rwatanze umurongo w'uko "Uwajuriye afite inshingano yo kugaragaza ukwibeshya kwakozwe n'Urukiko rubanza gushingiye ku mategeko cyangwa ku byabaye kwatumye urubanza rujuririrwa rucibwa nabi cyangwa kwatuma ruta agaciro. Iyo atabikoze ubwo bujire burakirwa, urukiko rukemeza ko nta shingiro bufite". [17] Mu rubanza rujuririrwa (igika cya 3), Ndwaniye Damascène yajuririye Urukiko Rukuru avuga ko Urukiko rubanza rwamuhanishije igifungo cy'imyaka 15 rwirengagije ko atemera icyaha rugashingira kuri raporo ya muganga kandi itagaragaza ko ariwe wasambanyije uwo mwana, no ku mvugo z'abatangabuhamya kandi byaturutse ku kagambane yagiriwe na se w'umwana kuko bari basanzwe bafitanye amakimbirane ashingiye ku mafaranga ye 30.000Frw atamuhembye nk'umukozi we wamuroberaga indagara; asaba ko yapimwa na muganga kugira ngo kube ikimenyetso kamarampaka cyagaragaza ko yamusambanyije kuko abana n'ubwandu bwa SIDA, bityo iyo aza gusambanya uwo mwana yari kuba yaramwanduje cyangwa se akamukomeretsa dore ko (amuruta cyane) ari umwana. Anavuga ko ibyo yavugiyemo mu Bugenzacyaha ko yashyize urutoki rwe mu gitsina cy'umwana yabitewe n'ubwoba ngo kuko bamubajije se w'umwana ahari afite umuhoro agira ngo atamwica. [18] Urukiko Rukuru nyuma yo kubona imvugo ya NT.B. ishinja Ndwaniye Damascène kuba yaramusambanyije, iya Dushimimana Claudette, nyina w'uwo mwana ashinja Ndwaniye Damascène kumusambanyiriza umwana, imvugo ya Ndwaniye Damascène yo mu Bugenzacyaha yiyemereye ko yashinze urutoki mu gitsina cy'uwo mwana, iya Uzabakiriho Bosco wavuze ko yumvise bavuga ko Ndwaniye yasambanyije umwana NT.B., icyemezo cy'amavuko cya NT.B. cyerekana ko ari umwana na raporo ya muganga wamusuzumye yemeza ko yasambanyijwe, rwasuzumye ibyifuzo

rwashyikirijwe na Ndwaniye Damascène mu mujurire bwe, rusanga ibyo avuga ko yahamijwe icyaha agahanishwa igifungo cy'imyaka 15 kandi ataremeye icyaha Urukiko rw'Ubujurire rwarabitanzeho umurongo mu manza zitandukanye rwacye1; ko Umucamanza uburanisha urubanza mu mizi ariwe ureba agaciro imvugo y'uwiyemereye icyaha mu rwego

1 Urubanza No RPAA 00462/2024/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 27/03/2025?, Ubushinjacyaha buburana na HABYARIMANA Innocent, igipa cya 13.

Page 5

rw'iperereza ifite, kabone n'iyi nyirayo yageze imbere y'Urukiko akayihindura, ko rero kuba yarageze mu rukiko akaburana ahakana icyaha bitari kubuza umucamanza gushingira ku kwemera icyaha kwe. [19] Urwo Rukiko rwasanze kandi kuba Ndwaniye Damascène atarapimwe ngo hagaragazwe ibipimo bye, atabyitwaza kuko hari ibimenyetso byemeza nta shiti ko yakoze icyaha cyo gusambanya umwana; ko kandi no kuba ataramwanduje Sida atabyitwaza ngo abigire impamvu kandi nawe ubwe yari yeremereye mu Bugenzacyaha ko yashyize urutoki mu gitsina cy'umwana kandi nabyo bigize icyaha cyo gusambanya umwana. Rushingiye kuri ibyo bisobanuro byose, rwanzuye ko nta gihindutse ku rubanza rwaciwe ku rwego rubanza rwahanishije Ndwaniye Damascène igifungo cy'imyaka 15. [20] Ku bijyanye n'uru rubanza, dosiye igaragaza inyandikomvugo ya Dushimimana Claudine, nyina w'umwana NT.B, aho asobanura ko yabonye umwana we agenda nabi atagataga, amubajije icyo yabaye abanza kumubeshya ko ari akandi kana bigana kamusambanyije ubwo bari mu nzira bava kwiga, kubera ubwoba Ndwaniye Damascène yari yamubitsemo amubuza kubivuga, ariko nyuma nyina abibibwira se bamujyana mu nzu baramureba, babonye ko yababeshye bamukangaye ababwira ko ari Ndwaniye Damascène wamusambanyije, asobanura neza uko byagenze ko yagiye gufata umukubuzo wari aho Ndwaniye Damascène arara amusangamo aramufata amuryamisha ku buriri bwe amukuramo ijipo n'ikariso nawe akura igipipi cye mu ipantalo akinjiza mu gapipi ke aramusambanya aramubabaza2. Igaragaza kandi imvugo y'umwana wahohotewe ari we NT.B., usobanura neza uko Ndwaniye Damascène yamusambanyije mu buryo bumwe n'ubumaze kuvugwa3. [21] Dosiye y'urubanza igaragaza nanone inyandikomvugo ya Ndwaniye Damascène ubwo yabazwaga mu Bugenzacyaha, aho yavuze ko atasambanyije NT. B ahubwo yamushyize urutoki mu gitsina. Hari kandi n'inyandikomvugo y'umutangabuhamya witwa Uzabakiriho Bosco uvuga ko yumvise abantu bavuga ko uregwa yasambanyije umwana witwa N.B. (muri uru rubanza yiswe NT.B.); ko mu isibo no mu Mudugudu iwabo ariyo nkuru yavugwaga igihe yabazwaga. [22] Raporo ya muganga nayo iri muri dosiye, yerekana ko muganga yasanze NT.B., umwana w'umukobwa w'imyaka 8, yatabutse inyama iri hagati y'igitsina n'umwanya unyuramo umusarane, abivuga mu cyongereza muri aya magambo: "8 years female child with Perineal Lacerations, pus discharge from the vagina"4, yanzura ko habayeho sexual abuse. Tugenekereje mu Kinyarwanda, igisobanuro cy'ayo magambo nk'uko cyagaragajwe muri "foot notes" muganga yasanze NT.B. afite igikomere hagati y'igitsina n'umwanya unyuramo umusarane (ibintu ubundi bikunze kuba ku bagore bamwe igihe cyo kubyara nk'uko uwo murombero ubyerekana) n'amashyira asohoka mu gitsina, yanzura ko yasambanyijwe. [23] Urukiko rw'Ubujurire rurebeye

hamwe ibimenyetso bivuzwe haruguru, rurasanga NT.B. yarasobanuye ibyo Ndwaniye Damascène yamukoreye avuga ko yamuryamishije ku buriri bwe akamukuramo ijipo n'ikariso maze agakura igipipi cye mu ipantalo akacyinjiza mu gapipi ke,

2 Reba inyandikomvugo y'ibazwa rya DUSHIMIMANA Claudine muri dosiye yaturutse muri RIB, p. 11. 3 Reba inyandikomvugo y'ibazwa ry'uwo mwana muri dosiye yaturutse RIB, p.6. 4 A perineal tear is a laceration of the skin and other soft tissue structures which, in women, separate the vagina from the anus. Perineal tears mainly...<https://www.wikipedia.org> (visited on Sept, 26th at 18:00)

Page 6

akamusambanya akamubabaza, uko yabisobanuye akaba ari nako nyina yabivuze yabibwiye asubiramo ibyo umwana we yamubwiye; bihujwe n'ibyo Ndwaniye Damascène yiyemereye mu Bugenzacyaha ko yashyize urutoki mu gitsina cy'uwo mwana (n'ubwo kuri we yavugaga ko atamusambanyije) n'ibyo muganga yabonye byagaragajwe haruguru, rurasanga n'ubwo ibyo Ndwaniye Damascène yemereye mu Bugenzacyaha ko yashyize urutoki mu gitsina cya NT.B. ubwabyo bigize icyaha cyo gusambanya umwana, nk'uko n'inkiko zabanje zabibonye, ndetse bigahuzwa n'ibyo muganga yavuze muri raporo yakoze, rurasanga icyabaye ari uko uyu Ndwaniye Damascène yasambanyije NT.B. yinjiza igitsina cye mu gitsina cy'umwana ukiri muto cyane kuri we (dore ko umwana yari afite imyaka 8 gusa mu gihe Ndwaniye we icyo gihe yari afite imyaka

- 28) akaba yaramusatuye/ yaramukomerekeje, aribyo perineal laceration muganga yavuze, umwana arababara cyane, bihura n'ibyo nyina yavuze ko umwana yagendaga atagataga (ategeranya amaguru kuko yababaraga). [24] Rurasanga ibyo Ndwaniye Damascène avuga ko nta cyaha yakoze, ahubwo yabeshyewe kubera akagambane ka Uwimana, se wa NT. B n'abatangabuhamya bamushinja gashingiye ku makimbirane yari asanzwe afitanye na se wa NT. B. yakoreraga akazi ko kumurobera isambaza akaba ataramwishyuye 30.000Frw, nta shingiro bifite, kuko uretse ko byanagaragaye ko yamusambanyije koko, akagambane n'amakimbirane avuga nta bimenyetso abitangira, kandi n'iyi byahaba bitatesha agaciro ibimenyetso byagaragajwe bihagije kwemeza ko icyaha yahamijwe n'Urukiko Rukuru yagikoze koko, bityo iyo ngingo ye y'ubujurire ikaba nta shingiro ifite. [25] Rurasanga ibyo Ndwaniye asaba ko yapimwa ADN na muganga kugira ibe ikimenyetso kamarampaka cyagaragaza ko yamusambanyije kubera ko abana n'ubwandu bwa SIDA ku buryo iyo asambanya NT.B. aba yarayimwanduje cyangwa se akamukomeretsa, nta shingiro byahabwa kuko mu rubanza rujuririrwa ingingo ijyanye no gupimwa yasuzumwe, Urukiko rwemeza ko kuba atarapimwe ngo hagaragazwe ibipimo bye atabyitwaza kuko hari ibimenyetso byemeza nta shiti ko yakoze icyaha cyo gusambanya umwana, akaba atarabivugurujwe, ntaho kandi agaragaza ahera avuga ko usambanyije undi arwaye SIDA uwo nawe agomba guhita ayandura byanze bikunze. ikindi kandi muganga yagaragaje ko NT.B. yakomeretse kubera gusambanywa, ntaho rero ashingira avuga ko atamukomerekeje. [26] Urukiko rurasanga kandi ibyo Ndwaniye Damascène aburanisha ko ibyo yavugiye mu Bugenzacyaha ko yashyize urutoki rwe mu gitsina cy'umwana yabitewe n'ubwoba kuko bamubajije se w'umwana ahari

afite umuhoro agira ngo atamwica bitasuzumwa kuri uru rwego kuko yabiburanishije mu Rukiko Rwisumbuye bifatwaho icyemezo ntiyabijurira mu Rukiko Rukuru, bivuze ko yemeye igisubizo urwo Rukiko rwamuhaye, ntabwo rero yabigarura kuri uru rwego. [27] Urukiko rushingiye kuri ibyo bisobanuro byose, rurasanga ibyo Ndwaniye Damascène avuga ko yahamijwe icyaha ari nta bimenyetso bidashidikanywaho bishingiweho, nta shingiro bifite, kuko ibyashingiweho byose bikiranuye, ubujurire bwe bukaba nta shingiro bufite, bityo akaba nta kigomba guhinduka ku mikirize y'urubanza RPA 0095/2024/HC/RSZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi ku wa 28/11/2024. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

Page 7

[28] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Ndwaniye Damascène nta shingiro bufite; [29] Rwemeje ko nta gihindutse ku mikirize y'urubanza RPA 0095/2024/HC/RSZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rusizi ku wa 28/11/2024, igihano cy'igifungo cy'imyaka 15 yahawe kigumye. [30] Ruvuze ko amagarama y'urubanza aherera ku Isanduku ya Leta kubera ko Ndwaniye Damascène abuarana afunze.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/10352/10900>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/ubushinjacyaha-v-ndwaniye-2025>

Prepared on 9 October 2026 · Esheria